Ku mubyeyi cyangwa umwishingizi wa _____,

Ikaze ku ishuri rya _____. Mu gihe cyo kwiyandikisha, imiryango yose isubiza Ibibazo by'ubushakashatsi ku bumenyi bw'ururimi. Hashingiwe ku bisubizo mwatanze ku Bibazo by'ubushakashatsi ku bumenyi bw'ururimi, ishuri risabwa gusuzuma ubumenyi umwana wanyu afite mu rurimi rw'Icyongereza binyuze mu isuzuma ry'ubumenyi bw'ururimi.

Minisiteri y'Uburezi ya Leta ya Maine yashyizeho ubundi buryo bufasha kumenya abanyeshuri bakwiye kwiga ururimi rw'Icyongereza buzifashishwa mu gihe cy'icyorezo cya COVID-19. Ubu buryo buzakomeza kwifashishwa mu gihe cyose bidashoboka ko abanyeshuri bajya kwigira ku ishuri kubera iki cyorezo. Itegeko ry'igihugu risaba ko abiga ururimi rw'Icyongereza bamenyekana mu gihe k'iminsi mirongo itatu nyuma yo kwiyandikisha mu ntangiriro z'umwaka w'amashuri cyangwa mu byumweru bibiri nyuma yo kwiyandikisha hagati mu mwaka (Ingingo ya 1112[e][3] n'iya 3113[b][2] z'Itegeko rigenga uburezi mu mashuri abanza n'ayisumbuye). Tuributsa ko kumenya ukwiye kwiga ururimi rw'Icyongereza bikorewe mu zindi leta bidahabwa agaciro muri Maine kandi abanyeshuri bashya bose bagomba gukorerwa isuzuma kugira ngo hamenyekane niba baziga ururimi nk'uko bisabwa na Minisiteri y'Uburezi ya Leta ya Maine.

Ku mugereka murahasanga inyandiko umwana wanyu azifashisha kugira ngo akore isuzumabumenyi rikorwa hifashishijwe uburyo bw'iyakure. Mubike izo nyandiko ahantu hafite umutekano kandi mwirinde kuzisoma muri kumwe n'umwana wanyu cyangwa ngo mugire abandi muziha. Isuzumabumenyi rizakorwa hifashishijwe telefone cyangwa guhamagarwa kuri videwo rimare iminota mirongo itatu. Mu gihe k'isuzumabumenyi, mukore ku buryo umwana wanyu aba ari ahantu hatuje kandi nta kindi kintu gishobora kumurangaza gihari. Igihe umwana wanyu atiyizeye cyangwa atinya, mumushishikarize gukora iyo bwabaga ariko mwirinde kumufasha cyangwa kumubwira ibisubizo kubera ko bizatuma abona amanota adakwiye.

Nk'uko twabiganiriyeho namwe mbere, isuzumabumenyi ry'umwana wanyu rikozakorwa:	**Itariki:** **Isaha:**
Igihe musanze mutazaboneka kuri iyi tariki cyangwa mukaba mukeneye umusemuzi kandi mukaba mutari mwamusaba, muhamagare:	
Amazina y'umwarimu uzakoresha isuzumabumenyi:	

Muzahabwa ibaruwa imenyesha umubyeyi cyangwa umwishingizi ibijyanye n'ubumenyi umwana afite mu Cyongereza ndetse n'inama z'abakozi b'ishuri zijyanye na serivisi z'ubufasha bwo kwiga ururimi rw'Icyongereza, niba bishoboka.

Igihe ubumenyi bw'umwana wanyu mu rurimi rw'Icyongereza ruri ku rwego rw'*umutangizi, ufite ubumenyi buringaniye* cyangwa *utangiye kumenya Icyongereza*, umwana wanyu ahabwa ubufasha bwo kwiga ururimi ry'Icyongereza butangwa n'umwarimu w'inzobere bigakorwa mu rwego rw'amasomo yigira ku ishuri ryacu. Ubu bufasha buzakomeza gutangwa kugeza igihe umwana wanyu amenyeye neza ururimi w'Icyongereza.

Ku banyeshuri bari ku rwego rw'abatangiye kumenya Icyongereza, hazakorwa isuzumabumenyi rya kabiri igihe abanyeshuri bazaba bemerewe kugaruka kwigira ku ishuri. Iri suzumabumenyi rya kabiri rizemeza niba uyu mwana akeneye gukomeza guhabwa ubufasha bwo kwiga ururimi rw'Icyongereza cyangwa niba ntabwo akeneye. Umunyeshuri wese uzagira amanota ari hejuru y'urwego rw'"utangiye kumenya Icyongereza" ntabwo azagenerwa ubufasha bwo kwiga ururimi rw'Icyongereza.

Tuzanezezwa no gufatanya namwe mu ikorwa ry'isuzumabumenyi rikorwa hifashishijwe uburyo bw'iyakure. Niba mufite ibibazo cyangwa impungenge, muhamagare _____. Abakozi b'ishuri ryacu bazanezezwa no gukorana n'umwana wanyu muri uyu mwaka w'amashuri kandi tubahaye ikaze ku ishuri ryacu.

Murakoze!

_____